REPUBULIKA Y'U RWANDA

MINISTERI Y'UMUTUNGO KAMERE

B P: 898, Kigali
Tel: +250 575813
Fax: +250 585755
E-mail:bulletin@meteorwanda.gov.rw
Website : www.meteorwanda.gov.rw

Ikinyamakuru N°20/2016; taliki ya11– 20 Nyakanga 2016

Ryoherejwe kuwa 22 Nyakanga 2016

Ingingoz'ingenzi:


- **Nta mvura yaguye hafi mu gihugu hose hagati y'italiki ya 11-20 Nyakanga 2016 akaba ari ibintu bisanzwe muri iki gihe.**
- **Ubuhehere bw'ubutaka mu minsi 10 ishize ya Kanama 2016 ni bucye cyane hafi ya ntabwo mu bice byose by'igihugu akaba kandi ariko byari bimeze kuva taliki ya 1 kugeza kuya 10 Kanama 2016.**
- **Muri rusange kuva taliki ya 21 kugeza ku ya 31 Kanama 2016 hateganyijwe ibicu bicye n' izuba ryiganje mu bice byose by'igihugu.**

## I. INCAMAKE

Muri rusange iminsi icumi ishize (kuva taliki ya 11 kugera taliki ya 20 Nyakanga 2016) yaranzwe n'ibihe by'izuba ryiganje n'ubushyuhe bwinshi mu bice byinshi by'igihugu. Nta mvura yaguye muri rusange uretse mu bice bimwe na bimwe by'intara y'amajyaruguru y'uburengerazuba haguye Imvura nke ariko nayo ikaba idakanganye bitewe n'ibihe by'izuba ryiganje turimo.


**Imbonerahamwe ya 1**: Igiteranyo cy'imvura kuri buri bupimiro muri mm hagati y'italiki ya 11-20 Nyakanga 2016 ugereranyije n'imvura isanzwe igwa.

| Ubupimiro | Imvura yaguye | Imvura isanzwe igwa |
|---|---|---|
| Kigali | 0 | 2.5 |
| Rusizi | 0 | 1.5 |
| Rubavu | 6.2 | 4.6 |
| Nyamagabe | 0 | 0.7 |
| Ngoma | 0 | 0.7 |
| Gicumbi | 0 | 1 |
| Busogo | 0 | 3 |
| Bugarama | 0 | 0.4 |
| Musanze | 0 | 2.1 |
| Gitega | 0 | 0.4 |
| Rubengera | 7.9 | 1.1 |
| Byimana | 0 | 1.1 |
| Kawangire | 0 | 0.7 |
| Nyagatare | 0 | 0 |




**Ubusesenguzi ku mvura yaguye**: Ikarita zikurikira zigereranya imvura yaguye hagati ya 11-20 Nyakanga 2016, imvura isanzwe igwa muri icyo gihe ndetse nimvura yaguye mu minsi icumi yabanje nkuko amataliki abigaragaza.


**Ikaritaya 1:** Imvura yaguye kuva11–20 Nyakanga 2016





**Ikarita ya2:** Imvura isanzwe igwa hagati ya11–20 Nyakanga




**Ikaritaya 3:** Imvura yaguye kuva1–10 Nyakanga 2016




**Ikaritaya 4:** Imvura isanzwe igwa hagati 1–10 Nyakanga 2016



## I. Uko imvura yaguye hirya no hino mu gihugu hagati ya 11-20 Nyakanga 2016 mu buryo burambuye

### a) Intara y'i Burasirazuba

I Ntara y'i Burasirazuba haranzwe n'izuba ryiganje, nta mvura yahaguye, bikaba ari ibintu bisanzwe muri iki gihe ( **ikarita ya 1 & 2 n'imbonerahamye ya 1** ). Ugereranyije n'imvura yaguye mu minsi icumi yabanje, (1-10/07/2016), nta mihindagurikire y'imvura yabonetse, ibi bikaba biragagaza ari igihe cy'izuba cga icyi gikomeje (**ikarita ya 1 niya3**).

### b) Intara y'a Majyaruguru

Mu Majyaruguru naho hagaragaye imvura nke mu bice byegereye ibirunga ariko ahenshi nta mvura yahaguye akaba ari ibisanzwe muri iki gihe (**ikarita ya 1 &2 n'imbonerahamye ya 1**). Ugereranyije n'imvura yaguye mu minsi icumi yabanje, nta mihindagurikire y'imvura yabonetse ahubwo izuba rikaba ryarakomeje kwiganza (**ikarita ya 1 niya3**).

### c) Intara y'a Majyepfo

I Ntara y'Amajyepfo haranzwe n'izuba ryiganje, nta mvura yahaguye akaba ari ibisanzwe muri iki gihe ( **ikarita ya 1 & 2 n'imbonerahamye ya 1** ). Ugereranyije n'imvura yaguye mu minsi icumi yabanje, nta mihindagurikire y'imvura yabonetse ahubwo izuba rikaba ryarakomeje kwiganza (**ikarita ya 1 niya3**).

### d) Intara y'i Burengerazuba


Mu Burengerazuba, mu bice by'Amajyaruguru haguye imvura nke iri hafi y'ikigereranyo cy'imvura isanzwe ihagwa naho mu gice cy' Amjyepfo nta mvura yahaguye naho akaba ari ibisanzwe muri iki gihe (**ikarita ya 1&2 n'imbonerahamye ya 1).** Ugereranyije n'imvura yaguye mu minsi icumi yabanje, nta mihindagurikire y'imvura yabonetse ahubwo izuba rikaba ryarakomeje kwiganza (**ikarita ya 1 niya3**).

### e) Umujyiwa Kigali

Umugi wa Kigali waranzwe n'ibihe by'izuba ryiganje, nta mvura yaguye kandi ni ibisanzwe muri iki gihe (**ikarita ya 1&2 n'imbonerahamye ya 1**). Ugereranyije n'imvura yaguye mu minsi icumi yabanje, nta mihindagurikire y'imvura yabonetse ahubwo izuba rikaba ryarakomeje kwiganza (**ikarita ya 1 niya3**).

## II. Imihindagurikire y'ikirere ku Buhinzi

**Fig 2: Ubuhehere bw'ubutaka, amafoto y'icyogajuru: Source; fews net**




Nkuko aya mashusho y'ibyogajuru abigaragaza, ubuhehere bw'ubutaka ndetse no gutoha kw'ibimera ntabyo mu gihugu hose kuko hariho izuba ryinshi. Ibi bikajyana ni uko turi mu gihe cy'impeshyi akaba nta mvura. Abahinzi bo mu gihugu bahinga igihembwe C bakomeje kuvomerera imyaka yabo naho abandi baracyategura imirima bitegura igihembwe cy'ihinga A. Mu minsi icumi iri imbere hateganyijwe ibihe bizakomeza kurangwa n'izuba ryiganje no kubura kw'imvura kw'imvura mu gihugu hose. Imvura nke cyane iteganyijwe mu duce tw'Amajyaruguru y'i Burengerazuba mu turere twa Nyabihu, Rubavu na Karongi mu bice byegereye ibirunga no ku nkengero z'ikiyaga cya Kivu mu turere twavuzwe haruguru taliki ya 23 na 24 Nyakanga. Ahandi hasigaye hateganyijwe ibicu byiganje kugeza kuya 25 Nyakanga bizagabanuka mu mpera z'ukwezi. Ubuhehere bw'ubutaka n'ingano y'amazi mu butaka nabyo bizakomeza kubura mu minsi iri imbere kugeza mu kwezi gutaha. Abahinga mu gihembwe cy'ihinga C barasabwa gukomeza kuvomerera kuko nta mvura iteganyijwe naho abahinzi muri rusanga basabwe gukomeza imirimo yabo yo gutegura imirima.

**III. Iteganyagihe ryo kuva 21 kugera 31 Nyakanga 2016**

Muri rusange hateganyijwe ikirere kiganjemo izuba, ubushyuhe bwinshi mu bice byinshi by'igihugu n'imvura nke mu bice bicye by'igihugu. Imvura nke cyane iteganyijwe gusa mu Majyaruguru n'Iburengerazuba taliki ya 23 na 24. Hasi hari imiterere yihariye yaburi ntara:

**Umujyi wa Kigali**: Hateganyijwe ibicu byiganje mugitondo bizagenda bigabanuka ku gicamunsi hagati y'italiki 22 na 25 nyuma mu minsi isigaye tukazarangwa n'ibicu biringaniye mu gitondo bizajya bigabanuka ku gicamunsi hakiganza izuba. Ugereranjijwe n'iminsi 10 ishize imvura izakomeza kubura ubushyuhe bukomeze kwiyongera.

**Intaray'Iburasirazuba:** Hateganyijwe ibicu byinshi mu gitondo bizagabanuka ku gicamunsi kuva taliki ya 22 kugeza kuwa 25 Nyakanga 2016. Kuva kuya 26 Nyakanga kugeza mu mpera z'ukwezi hateganyijwe ibicu biringaniye mu gitondo bizagabanuka ku gicamunsi n'izuba ryinshi ku gicamunsi. Ugereranjijwe n'iminsi 10 ishize ubushyuhe buziyongera.

**Intaray' i Burengerazuba:** Hateganyijwe ibicu byiganje kuva kuya 22 kugeza kuya 26 Nyakanga bizatanga imvura nke cyane kuwa 23 bishyira 24 Nyakanga mu turere twa Rubavu, Karongi ahegereye ikiyaga cya Kivu no muri Nyabihu ahegereye ibirunga. Iminsi y'ukwezi isigaye izarangwa n'izuba n'ibicu biringaniye. Ugereranjijwe n'iminsi 10 ubushyuhe buziyongera mu mpera z'ukwezi.

**Intara y'Amajyaruguru:** Hateganyijwe ibicu byiganje kuva kuya 22 kugeza kuya 26 Nyakanga bikagabanuka ku gicamunsi. Iminsi isigaye y'ukwezi bizarangwa n'ibicu biringaniye. Ugereranjijwe n'iminsi 10 ishize nta mpinduka zihari.

**Intara y'Amajyepfo:** Hateganyijwe ibicu byinshi mu gitondo bizagabanuka ku gicamunsi kuva taliki ya 22 kugeza kuwa 25 Nyakanga 2016. Kuva kuya 26 Nyakanga kugeza mu mpera z'ukwezi hateganyijwe ibicu biringaniye mu gitondo bizagabanuka ku gicamunsi n'izuba ryinshi ku gicamunsi. Ugereranjijwe n'iminsi 10 ishize ubushyuhe buziyongera.

**<u>N.B</u>: Iriteganyagihe rikwiye kurebwa hitabwa no ku iteganyagihe rya buri munsi, iry'iminsi 3 n'iry'iminsi 5 ritangwa n'ishami rishinzwe iteganyagihe mu kigo kigihugu cy'ubumenyi bw'ikirere.**